

# Inkunga yitiriwe Alfond ni iki?

Inkunga yitiriwe Alfond ni inkunga y'amadorali y'Amerika 500 ihabwa abana bo muri Maine kugira ngo bakomeze kwiga nyuma yogusoza amashuri y'isumbuye. Iyi nkunga ni uburyo bwiza bwo gufasha imiryango gutangira gutegura ubuzima bw'umwana hakirikare, kugirango atangire amashuri makuru. Ni impano Maine yahawe abana bayo ivuye mu bakora ibikorwa by'ubucuruzi muri Maine n'umugiraneza witwa Harold Alfond.

## Ni nde wemerewe inkunga yitiriwe Alfond?

Beginning Guhera mu mwaka wa 2013, impinja zose zavutse ku babyeyi batuye muri Maine bemerewe guhabwa inkunga yitiriwe Alfond y'amadorali 500 y'Amerika. Mu ntangiriro z'umwaka wa 2022, Umuryango utanga inkunga yo kwiga witwa Alfond Scholarship Foundation watanze miliyoni zirenga 64 z'amadorali y'Amerika ku bana ibihumbi 128,000 bo muri Maine. Ese umwana wawe ni umwe muri abo? Inkunga yitiriwe Alfond yahoze itangwa ku buryo budasesuye kuva mu mwaka wa 2008 kugeza mu mwaka wa 2012. Ukeneye ibindi bisobanuro wasura urubuga www.MyAlfondGrant.org cyangwa utwohereze imeyiri kuri info@myalfondgrant.org.

## Iyo nkunga itangwa ite?

- Umuryango udaharanira inyungu witwa Alfond Scholarship Foundation (ASF) utanga inkunga y'amadorali 500 y'Amerika ku bana bose bujuje ibisabwa.
- Amafaranga y'inkunga ashyirwa kuri konti y'Umuryango witwa Alfond Scholarship Foundation. Kuko amadorali 500 y'Amerika y'inkunga yitiriwe Alfond atangwa umwana akiri muto, igomba kumara byibuze imyaka 18 kugira ngo ishobore kuba yakiyongera.
- Inkunga yitiriwe Alfond ishobora gukoreshwa mu kwishyura amafaranga y'ishuri muri koleje na za kaminuza, koleje zitanga impamyabumenyi y'imyaka ibiri no mu mashuri y'imyuga cyangwa y'ubucuruzi atandukanye. Ishobora gukoreshwa mu kwishyura icumbi, ifunguro, ibitabo na mudasobwa.
- Iyo imiryango yifuza gutanga imisanzu yayo bwite, bisaba ko bifunguriza konti yabo bwite.

NextGen 529® ni gahunda ya 529 ya Maine, aho imiryango itandukanye ikoresha iyo gahunda kugira ngo izigamire uburezi nyuma y'amashuri yisumbuye. Kugira ngo umenye ibindi cyangwa wifungurize konti yawe bwite, sura urubuga NextGenforME.com.

## Ni iki ababyeyi basabwa gukora?

Urubuga rwa MyAlfondGrant rutanga amakuru, inama n'ibyo ababyeyi n'abana bakwifashisha!

Sura urubuga rwacu rwa www.MyAlfondGrant.org, kugira ngo:

- Urebe ingano y'inkunga umwana wawe yemerewe guhabwa, ingano y'inkunga igenda ihinduka uko ibihe bihita!
- Uvugurure aderesi zawe
- Ushyireho MyPlan kugira ngo ifashe umwana wawe gutsinda
- Usangize inkuru yerekeye umuryango wawe cyangwa umwana wawe
- Ushakishe amakuru yafasha umwana wawe mu nzira igana ejo heza



**Dukurikire kuri paji yacu ya Facebook na Instagram!**

*Umuryango Alfond Scholarship Foundation ntiwemerewe gutanga NextGen 529.*

my Alfond grant

*Umuryango wa ASF urigenga kandi ntuharanira inyungu, ugengwa ni ingingo ya 501 (c) (3) y'amategeko kandi ntushamikiye cyangwa ngo ugengwe na FAME. FAME ntiyahaye ASF uburenganzira cyangwa ngo Iyemerere gutanga ubutumwa muri rusange cyangwa izi nyandiko mu buryo bwihariye, kandi ntiryozwa ibikubiyemo cyangwa ibikubiye mu butumwa ubwo ari bwo bwose bwatanzwe na ASF. Gushyiraho konti ya NextGen no kwitabira gahunda ya 529 ya Maine bigomba gutegurwa habayeho kubisaba FAME mu buryo butaziguye. ASF nta bubasha ifite yahawe na FAME bwo gutanga inama iyo ari yo yose ku byerekeranye no kwitabira gahunda ya NextGen. NextGen 529 ni gahunda igengwa n'Igice cya 529 cy'amategeko gitangwa n'Ikigo gishinzwe imari muri Maine (FAME). Ushobora kubona ibisobanuro bya gahunda ya NextGen 529 usabye kopi y'ukora mu by'imari, usuye NextGenforME.com cyangwa uhamagaye umuyobozi wa gahunda kuri 1-833-336-4529. Ibisobanuro bya gahunda bikubiyemo amakuru yuzuye kurushaho, harimo intego zo gutanga amafaranga, amafaranga yishyuzwa, amafaranga akoreshwa n'ibyiza byo gutanga amafaranga muri gahunda ya NextGen 529, bigomba kubanza gusuzumwa mu buryo buhagije mbere yo gutanga amafaranga.*
*Konti za NextGen 529 si kimwe nko kubitsa amafaranga muri banki kandi ntabwo ziba zishingiwe n'Ikigo cy'igihugu cyishingira amafaranga yabikijwe n'amasosiyete (FDIC). Inyungu ku mafaranga yatanzwe kuri konti ya NextGen 529 ntiyishingiwe na leta ya Maine, FAME cyangwa abo ari bo bose batanga serivisi za gahunda ya NextGen 529. Abitabiriye gahunda ya NextGen 529 bishingira ingaruka z'amafaranga atanzwe muri gahunda ya NextGen 529, harimo kuba amafaranga yatanzwe nta nyungu ashobora kubura no kwishyura ibihano by'imisoro bifitanye isano n'uburyo bumwe na bumwe bwo kubikuza umubare runaka w'amafaranga yo muri gahunda ya NextGen 529.Mu gihe ASF yizera ko kuzigama no gutanga amafaranga mu nyungu z'abana bo muri Maine, ASF isanga gutanga amafaranga muri gahunda za 529 bishobora kugabanuka kubera impamvu zitandukanye, harimo ibyemezo byo gutanga amafaranga na/cyangwa ibikorwa cyangwa kudakora ibikorwa kw'abatanga serivisi.*
*ASF ntiyishingira uburyozwe ubwo ari bwo bwose bujyanye no gutanga inyungu ku mafaranga y'inkunga yitiriwe Alfond cyangwa imisanzu iyo ari yo yose yo muri gahunda ya 529.*